Umunyembaraga si wawundi wihutira kurwana n’abantu, ahubwo umunyembaraga nyakuri ni wawundi ubasha kwifata (agatsinda uburakari) igihe arakaye.”

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umunyembaraga si wawundi wihutira kurwana n’abantu, ahubwo umunyembaraga nyakuri ni wawundi ubasha kwifata (agatsinda uburakari) igihe arakaye.”

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umunyembaraga nyakuri atari uw'umubiri, cyangwa se gusagarira abandi banyembaraga, ahubwo umunyembaraga nyakuri ni urwanya umutima we akawunesha igihe arakaye, kubera ko ibi bigaragaza imbaraga afite muri we no kunesha kwe Shitani.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5351